**Ellen G.White**

# KWEZA UMUNSI W'ISABATO

[Byakuwe Mu Bihamya By'Itorero, Vol. 6, p.349-368, no mu Nama Zigirwa Itorero, p.266-269]

# Ijambo Ku Musomyi

Ibikubiye muri iki gitabo ni umwimerere w'inyandiko ya Ellen G. White nk'uko biri mu gitabo cy'Ibihamya By'Itorero, Vol. 6, p.349-368, no mu gitabo cy'Inama Zigirwa Itorero, p.266-269 mu gitabo cy'icyongereza. [Igitabo cy'umwimerere cy'Inama Zigirwa Itorero gifite ibyigisho 66; igitabo cy'ikinyarwanda kigarukira ku cyigisho cya 42]. Ku butumwa bwatanzwe, nta jambo ryongeweho, nta n'iryakuweho, nta n'ubusobanuro bwacu twigeze dushyiramo. Icyo twakoze gusa ni ukubuvana mu cyongereza tubuhindura mu Kinyarwanda.

Ku musozo wa buri subi hari paje y'igitabo cy'umwimerere ayo magambo abonekamo. Izo paje zigaragara mu buryo bukurikira:

{6T 349.1}: bisobanuye Ibihamya By'Itorero, paje 349 isubi ya mbere
{6T 349.2}: bisobanuye Ibihamya By'Itorero, paje 349 isubi ya kabiri, gukomeza n'izindi…

{CCh 266.1}: bisobanuye Inama Zigirwa Itorero, paje 266 isubi ya mbere
{CCh 266.2}: bisobanuye Inama Zigirwa Itorero, paje 266 isubi ya kabiri, gukomeza n'izindi…

Ubuntu bw'Umwami wacu Yesu Kristo bubane namwe.

6T: Testimonies for the Church, Vol. 6
CCh: Counsels for the Church

## Ellen G. White, Ibihamya by'Itorero, Vol. 6, p.349-368

## Icyigisho Cya 44

# KWEZA UMUNSI W'ISABATO

Hari imigisha ikomeye mu kweza umunsi w'Isabato, kandi Imana yifuza ko umunsi w'Isabato watubera umunsi w'umunezero. Habayeho umunezero ubwo Isabato yashyirwagaho. Imana yarebanye kunyurwa imirimo y'intoki Zayo. Ibintu byose yari yaremye yavuze ko byari "byiza cyane." Itangiriro 1:31. Ijuru n'isi byari byuzuye umunezero. "Inyenyeri zo mu ruturuturu zararirimbiranaga, abana b'Imana bakarangurura ijwi ry'ibyishimo." Yobu 38:7. Nubwo icyaha cyinjiye mu isi kigatesha agaciro umurimo Wayo, Imana iracyaduha Isabato nk'igihamya cy'uko hariho [Imana] Imwe ishoborabyose, ifite kugiraneza kwinshi n'imbazi bidashira, yaremye byose. Mu kweza umunsi w'Isabato Data wa twese wo mu ijuru yifuza kurindira mu bwenge bw'abantu ubumenyi bwo kumenya Imana Ubwayo. Yifuza ko Isabato yayobora ubwenge bwacu kuri Yo nk'Imana y'ukuri kandi iriho, kandi binyuze mu kuyimenya tukagira ubugingo n'amahoro. {6T 349.1}

Igihe Uwiteka yacunguraga ubwoko Bwe bwa Isirayeli abuvanye muri Egiputa akabuha amategeko Ye, yabigishije ko mu kweza umunsi w'Isabato ari mo bari gutandukanyirizwa n'abasenga ibigirwamana. Iki ni cyo cyashyiraga itandukaniro hagati y'abemera ubutware bw'Imana n'abanga kwemera Imana nk'Umuremyi n'Umwami. "Ni ikimenyetso cy'iteka ryose hagati yanjye n'Abisirayeli," ni ko Uwiteka yavuze. "Nuko Abisirayeli baziririze isabato, bajye bayitondera mu bihe byabo byose, ibe isezerano ridakuka." Kuva 31:17,16 {6T 349.2}

Nk'uko Isabato yari ikimenyetso cyatandukanyaga Isirayeli [n'andi mahanga] ubwo bavaga muri Egiputa bagiye muri Kanani yo mu isi, ni na ko n'ubu ari ikimenyetso gitandukanya ubwoko bw'Imana [n'abandi] mu gihe bava mu isi binjira mu buruhukiro bwo mu ijuru. Isabato ni ikimenyetso cy'isano iri hagati y'Imana n'ubwoko bwayo, ikimenyetso

cy'uko bumvira amategeko Yayo. Itandukanya abagaragu Bayo bayumvira n'abayigomera. {6T 349.3}

Ari mu nkingi y'igicu Kristo yavuze ibyerekeye Isabato ati: "Kandi ubwire Abisirayeli uti 'Ntimukabure kuziririza amasabato yanjye, kuko ari yo kimenyetso hagati yanjye namwe mu bihe byanyu byose, kugira ngo mumenye yuko ndi Uwiteka ubeza." Kuva 31:13. Isabato yahawe isi nk'ikimenyetso cy'uko Imana ari Umuremyi ni n'ikimenyetso cy'uko Imana ari Yo Itweza. Imbaraga zaremye ibintu byose ni nazo mbaraga zongera kurema umutima mu ishusho y'Imana. Ku bantu bose beza umunsi w'Isabato ibabera ikimenyetso cyo kwezwa. Kwezwa nyakuri ni uguhuza n'Imana, ukaba umwe na Yo mu mico. Kwakirwa binyuze mu kumvira ya mahame agaragaza imico Yayo. Maze Isabato ikaba ikimenyetso cyo kumvira. Umuntu wese wumvira itegeko rya kane abikuye ku mutima azumvira n'amategeko yose. {6T 350.1}

Kuri twe nk'uko byari biri kuri Isirayeli twahawe Isabato "nk'isezerano ridakuka." Ku bantu bose baziririza umunsi Wayo wera Isabato ni ikimenyetso cy'uko Imana ibemera nk'ubwoko Bwayo bwatoranijwe. Ni indahiro y'uko Izabasohoreza isezerano Ryayo. Buri mutima wose wemera ikimenyetso cy'ubutegetsi bw'Imana uba wishyize mu butware bw'isezerano rihoraho ry'ijuru. Uba wemeye kujya mu murunga w'izahabu wo kumvira, aho buri pfundo ryose riba ari isezerano. {6T 350.2}

Itegeko rya kane ryonyine mu mategeko icumi ni ryo rifite ikimenyetso cy'Uwatanze amategeko, Umuremyi w'ijuru n'isi. Abumvira iri tegeko baba banditsweho izina Rye, kandi imigisha yose yasezeranijwe abagenza batyo iba ari iyabo. "Uwiteka abwira Mose ati "Bwira Aroni n'abana be, uti 'Uku abe ari ko mujya muhesha Abisirayeli umugisha, muti: {6T 350.3}

Uwiteka aguhe umugisha akurinde,
Uwiteka akumurikishirize mu maso he akugirire neza,
Uwiteka akurebe neza, aguhe amahoro.'

Uko abe ari ko bashyirisha izina ryanjye ku Bisirayeli, nanjye nzabaha umugisha.” {6T 351.1}

Binyuze muri Mose hatanzwe irindi sezerano ngo: “Uwiteka azagukomereza kumubera ubwoko bwera nk’uko yakurahiye, niwitondera amategeko y’Uwiteka Imana yawe, ukagenda mu nzira ikuyoboye. Amahanga yo mu isi yose azabona yuko witiriwe izina ry’Uwiteka… Uwiteka azaguhindura umutwe ntazaguhindura umurizo, uzaba hejuru gusa ntuzaba hasi, niwumvira amategeko y’Uwiteka Imana yawe ngutegeka uyu munsi ukayitondera,” Gutegeka kwa kabiri 28:9-13. {6T 351.2}

Umunyezaburi, avugishijwe n’Umwuka Wera, aravuga ati: {6T 351.3}

“Nimuze turirimbire Uwiteka,
Tuvugirize impundu igitare cy’agakiza kacu…
Kuko Uwiteka ari Imana ikomeye,
Ni Umwami ukomeye usumba ibigirwamana byose.
Ikuzimu hari mu kuboko kwe,
Kandi impinga z’imisozi na zo ni ize.
Inyanja ni iye, ni we wayiremye,
Intoki ze ni zo zabumbye ubutaka.
Nimuze tumuramye twunamye,
Dupfukamire Uwiteka Umuremyi wacu.
Kuko ari we Mana yacu.”
“Ni we waturemye natwe turi abe,
Turi ubwoko bwe, Turi intama zo mu cyanya cye.” {6T 351.4}
Zaburi ya 95:1-7; 100:3

Ayo masezerano yahawe Isirayeli ni nayo yahawe ubwoko bw’Imana uyu munsi. Ni ubutumwa Isabato ituzanira. {6T 351.5}

## Ivugurura Mu Kweza Umunsi W’Isabato

Isabato ni umurunga w’izahabu uhuza Imana n’ubwoko bwayo. Ariko itegeko ry’Isabato ryarishwe. Umunsi wera w’Imana wateshejwe

agaciro. Isabato yakuwe mu mwanya wayo n'umunyabugome, maze umunsi usanzwe w'imirimo wererezwa mu mwanya wayo. Icyuho cyashyizwe mu mategeko y'Imana, kandi icyo cyuho kigomba gusanwa. Isabato y'ukuri igomba kwererezwa mu mwanya wayo w'ukuri nk'umunsi w'Imana w'ikiruhuko. Mu gice cya 58 cya Yesaya handitse ibyo ubwoko bw'Imana bugomba gukora. Bagomba kwerereza amategeko kandi bakagaragaza icyubahiro cyayo, kugira ngo bubake mu matongo ya kera yasenyutse, bashing imfatiro zariho ku ngoma nyinshi. Ku bakora uyu murimo Imana iravuga iti: "Uzitwa Uwica ibyuho kandi Usibura inzira zijya mu ngo. Nuhindukira ntukandagire isabato, ukanga gukora ibyo wishakiye ku munsi wanjye wera, ahubwo ukita isabato umunezero, umunsi wera w'Uwiteka ukawita uw'icyubahiro ukawubaha, ntube icyigenge ntiwishakire ibyo kwinezeza, ntiwivugire ibyo ushaka ku bwawe, nuko uzishimira Uwiteka nanjye nzaguha kurambagira mu mpinga z'igihugu, kandi nzagutungisha gakondo ya sogokuruza Yakobo. Akanwa k'Uwiteka ni ko kabivuze." Imiringo ya 12-14. {6T 351.6}

Ikibazo cy'Isabato kizaba ingingo y'ibanze mu rugamba ruheruka rw'intambara ikomeye iyo isi yose igomba kugiramo uruhare. Abantu bahaye icyubahiro amahame ya Satani bayarutisha amahame ayobora ijuru. Bemeye isabato y'igihimbano, iyo Satani yashyize hejuru nk'ikimenyetso cy'ubutware bwe. Ariko Imana yashyize ikimenyetso Cyayo ku mabwiriza y'ubwami bwayo. Buri sabato yose ifite izina ry'uwayihanze, ikimenyetso kidasibangana kigaragaza ubutegetsi bwa nyirayo. Ni umurimo wacu kuyobora abantu ngo bagere aho bumva ibi bintu. Tugomba kubagaragariza ko ari ibintu bifite ingaruka ziremereye ku bugingo bw'umuntu, kwakira ikimenyetso cy'ubwami bw'Imana cyangwa ikimenyetso cy'ubwami bw'uwigometse ku Mana, kubera ko umuntu aba yemeye ko ari umugaragu w'ubwami afitiye ikimenyetso. Imana yaduhamagariye gushyira hejuru igipimo cy'Isabato yasiribanzwe. Niba bimeze bityo, mbega ukuntu ikitegererezo cyacu mu gukomeza Isabato gikwiriye kuba icy'ukuri. {6T 352.1}

Mu guhanga amatorero mashya, abapasitoro bagomba gutanga amabwiriza yitondewe agaragaza uburyo bukwiriye bwo kweza umunsi

w'Isabato. Tugomba kuba maso, kugira ngo imigenzereze idafashije y'abakomeza icyumweru itaba ari yo ikurikizwa n'abavuga ko bakomeza umunsi wera w'Imana w'ikiruhuko. Hagomba kubaho umurongo ugaragara hagati y'abafite ikimenyetso cy'ubwami bw'Imana n'abafite ikimenyetso cy'ubwami bw'uwigometse ku Mana. {6T 353.1}

Isabato ifite ukwera gukomeye cyane kuruta uko benshi mu bavuga ko bakomeza Isabato bayeza. Uwiteka yasuzuguwe cyane n'abantu batigeze bakomeza Isabato nk'uko itegeko riri, haba mu buryo ryanditsemo cyangwa mu buryo bw'umwuka. Arahamagarira abantu kugira ivugurura mu kweza umunsi w'Isabato. {6T 353.2}

## Kwitegura Isabato

Itegeko rya kane rigitangira Uwiteka yaravuze ati: "Wibuke." Yari azi ko mu bimuhangayikisha no mu bimuremerera umuntu yashoboraga kubigira urwitwazo rwo kutubahiriza itegeko nk'uko riri, cyangwa akibagirwa agaciro kera karyo. Bityo Yaravuze ngo: "wibuke kweza umunsi w'Isabato." Kuva 20:8. {6T 353.3}

Mu cyumweru cyose tugomba kuzirikana Isabato mu bitekerezo kandi tukitegura kuyikomeza nk'uko itegeko riri. Ntabwo tugomba kubona Isabato mu rwego rw'itegeko gusa. Tugomba kumenya n'ubusobanuro bwayo bw'iby'umwuka ifite ku bikorwa byose by'ubuzima. Abantu bose babona Isabato nk'ikimenyetso hagati yabo n'Imana, berekana ko Ari Imana ibeza, bazajya bagaragaza amahame y'ubutegetsi Bwayo. Bazajya bagaragaza mu bikorwa bya buri munsi amategeko y'ubwami Bwayo. Buri munsi isengesho ryabo rizajya riba iryo gusaba ko ukwezwa kubonerwa mu Isabato kwabagaragaraho. Buri munsi bazajya bagendana na Kristo kandi bagaragaze ikitegererezo cy'ubutungane bw'imico Ye. Buri munsi umucyo wabo uzajya umurikira abandi mu mirimo myiza. {6T 353.4}

Mu bintu byose bifitanye isano no kugera ku nsinzi mu murimo w'Imana, insinzi ya mbere igomba kubonerwa mu mibereho y'urugo. Aha ni ho kwitegura Isabato bigomba gutangirira. Mu cyumweru cyose

reka ababyeyi bibuke ko urugo rwabo rugomba kuba ishuri aho abana babo bategurirwa kuzaba mu bikari byo mu ijuru. Reka amagambo yabo abe amagambo akwiriye. Nta magambo abana babo badakwiriye kumva agombva kuva mu kanwa kabo. Reka birinde umwuka w'umwiryane. Babyeyi, mu minsi y'icyumweru mujye mubaho nk'aho muri imbere y'Imana yera, yabahaye abana kugira ngo mubarere Imana. Nimuyitoreze itorero rito mu rugo rwanyu, kugira ngo ku Isabato bose babe biteguye kuramya Imana mu rusengero rwayo. Buri gitondo na buri mugoroba mujye mwegurira abana banyu Imana nk'umurage Wayo yaguze amaraso [y'Umwana Wayo]. Nimubigishe ko gukunda no gukorera Imana ari yo nshingano yabo y'ibanze n'amahirwe aruta ayandi. {6T 354.1}

Ababyeyi bagomba gutanga icyitegererezo cyihariye kugira ngo batume gahunda yo kuramya Imana iba ikigisho cy'ingenzi ku bana babo. Imirongo yo mu Byanditswe igomba kuba mu kanwa kabo inshuro nyinshi, cyane cyane imirongo itegurira umutima gahunda yo kuramya Imana. Amagambo y'agaciro nk'aya agomba gusubirwamo kenshi: "Mutima wanjye turiza Imana yonyine, kuko ari yo ibyiringiro byanjye biturukaho." Zaburi 62:5. {6T 354.2}

Iyo Isabato yibutswe ityo, ibintu bisanzwe ntabwo bizemererwa kutwibagiza iby'umwuka. Nta murimo ugenewe gukorwa mu minsi itandatu uzarindirizwa gukorwa ku Isabato. Mu cyumweru ntabwo tugomba kumarira imbaraga zacu mu mirimo dukora ku buryo ku munsi Imana yaruhutseho tuba turushye cyane bigatuma tutabasha kubona imbaraga zo gukorehsa mu murimo ujyanye na gahunda yo kuramya Imana. {6T 354.3}

Nubwo kwitegura Isabato bigomba gukorwa mu cyumweru cyose, umunsi wa Gatandatu (Friday) ugomba kuba umunsi wihariye wo kwitegura. Abinyujije muri Mose Uwiteka yabwiye abana ba Isirayeli ati: "Ejo uzaba umunsi wo kuruhuka, Isabato yejerejwe Uwiteka. Mwotse icyo mushaka kotsa, muteke icyo mushaka guteka, ibisāze mubibike birāre bigeze mu gitondo." "Abantu barazereraga bakayiteranya [manu], bakayisya cyangwa bakayisekura, bakayiteka mu nkono bakayihindura

udutsima." Kuva 16:23; Kubara 11:8. Hari icyagombaga gukorwa n'abana ba Isirayeli mu gutegura umutsima wavaga mu ijuru. Uwiteka yababwiye ko uyu murimo ugomba gukorwa kuwa Gatandatu (Friday), umunsi wo kwitegura. Iki cyari igipimo kuri bo. Imana yifuzaga kureba niba bazitondera Isabato bakayeza cyangwa niba batazabikora. {6T 354.4}

Aya mabwiriza yavuye mu kanwa ka Yehova ni ayo kutwigisha natwe. Bibiliya ni umuyobozi utunganye, kandi mu gihe impapuro zayo zizwe umuntu asenga afite umutima wifuza gusobanukirwa, nta n'umwe uzayoba kuri iki kibazo. {6T 355.1}

Abantu benshi bakeneye kwigishwa uko bakwiriye kugaragara mu materaniro yo kuramya Imana ku Isabto. Ntabwo bagomba kuza imbere y'Imana bambaye imyambaro isanzwe yambawe mu minsi y'icyumweru. Abantu bose bagomba kugira umwambaro wihariye w'Isabato, ugomba kwambarwa mu gihe umuntu agiye muri gahunda yo kuramya mu nzu y'Imana. Nubwo tutagomba kwigana gahunda zo kwiyerekana z'isi, ntabwo tugomba kuba ba ntibindeba ku byerekeye uko tugaragara inyuma. Tugomba kuba dufite isuku ducyeye, nubwo tutagomba kwishyiraho imirimbo. Abana b'Imana bagomba kuba batunganye imbere n'inyuma. {6T 355.2}

Mureke ibyo kwitegura Isabato birangire kuwa Gatandatu. Murebe niba imyambaro iteguye, murebe niba n'ibyo guteka byarangiye. Reka inkweto zihanagurwe kandi abantu biyuhagire. Ibi bishobora gukorwa. Nubigira itegeko ugenderaho uzabishobora. Isabato ntigomba gukorwamo imirimo nko kudoda imyambaro, guteka ibyo kurya, kwishakira ibinezeza, cyangwa ikindi kintu cyose kijyanye na gahunda z'isi. Mbere y'uko izuba rirenga mureke imirimo yose ihererezwe uruhande rumwe n'ibinyamakuru byose bivuga ibintu bisanzwe bishyirwe aho bitabasha kubonwa. Babyeyi, nimusobanurire abana banyu uwo murimo mukora n'umugambi wawo, kandi mubareke bagire uruhare mu myiteguro yo kuruhuka Isabato nk'uko itegeko riri. {6T 355.3}

Tugomba kugira ishyaka ryo kurinda imbibi z'Isabato. Mwibuke ko buri mwanya wayo wose ari uwera, ni amasaha yera. Mu gihe cyose

bishoboka, abakoresha bagomba guha abakozi babo amasaha yo kuva saa sita z'amanywa kugeza Isabato itangiye. Mubahe igihe cyo kwitegura, kugira ngo bakire umunsi w'Uwiteka batuje mu bitekerezo. Nubigenza utyo nta gihombo uzagira no mu mirimo yawe isanzwe. {6T 356.1}

Hari undi murimo ugomba kwitonderwa ku munsi wo kwitegura. Kuri uyu munsi amakimbirane yose yabaye hagati y'abavandimwe, haba mu muryango ndetse no mu itorero, agomba gukurwaho. Mureke gusharira kose n'umujinya n'ububi bwose bivanwe mu mutima. Mu mwuka wo kwicisha bugufi, "mwaturirane ibyaha byanyu kandi musabirane, kugira ngo mukizwe." Yakobo 5:16. {6T 356.2}

Mbere y'uko Isabato itangira, umwuka n'umubiri bigomba gutandukanwa na gahunda z'isi. Imana yashyize Isabato Yayo ku iherezo ry'iminsi itandatu y'imirimo, kugira ngo abantu bareke gukora maze basuzume ibyo bungukiye mu cyumweru byo kubafasha kwitegura ubwami butunganye aho ucumura atazemererwa kwinjira. Buri Sabato tugomba kwisuzuma mu mitima ngo turebe niba icyumweru dusoje cyaratuzaniye inyungu mu by'umwuka cyangwa niba cyaratuzaniye igihombo. {6T 356.3}

Kwereza Uwiteka umunsi w'Isabato bisobanuye agakiza k'iteka ryose. Imana iravuga iti: "Abanyubaha ni bo nzubaha" 1 Samweli 2:30. {6T 356.4}

## Isabato Mu Rugo

Mbere y'uko izuba rirenga reka abagize umuryango bose bahurire hamwe kugira ngo basome ijambo ry'Imana, baririmbe kandi basenge. Aha hantu hakenewe ivugurura, kuko benshi barabyirengagije. Dukeneye kwaturira Imana ibyaha no kubyaturirana. Tugomba gutangira bundi bushya tugakora ibishoboka byose kugira ngo buri wese mu bagize umuryango abe yiteguye kubahiriza umunsi Imana yejeje ikawuha umugisha. {6T 356.5}

Mureke amasaha y'igiciro y'Isabato ye gupfushwa ubusa abantu bari mu buriri. Ku Isabato mu gitondo ab'umuryango bagomba kubyuka kare.

Nibatinda kubyuka, hazaba urujijo n'ihubi mu gufata ibyo kurya bya mu gitondo no muri gahunda y'ishuri ryo ku Isabato. Usanga hari ugukora ibintu huti huti, abana banyuranamo, hakabaho no kwihangana guke. Maze muri ubwo buryo ibitekerezo bitari byiza bikinjira mu rugo. Isabato, igateshwa agaciro gutyo, igahinduka umutwaro, maze uko igiye kugera bakumva barayanze aho kuyikunda. {6T 357.1}

Ku Isabato ntitugomba gutegura amafunguro abonetse yose cyangwa ngo dutegure amafunguro y'amoko menshi. Ahubwo amafunguro akwiriye kuba yoroheje, kandi ntiturire guhaga, kugira ngo ubwenge bube bukangutse kandi bufite imbaraga zo gusobanukirwa n'iby'umwuka. Guhaga cyane byijimisha ubwonko. Amagambo y'igiciro cyinshi ashobora kumvwa ariko ntiyishimirwe, kubera ko mu bwenge hari urujijo rwatewe n'imirire idakwiriye. Kubera kurya cyane ku Isabato, abantu benshi basuzuguje Imana birenze uko babitekereza. {6T 357.2}

Mu gihe guteka ku Isabato bigomba kwirindwa, ntabwo ari ngombwa kurya ibiryo bikonje. Mu gihe cy'ubukonje mureke ibyo kurya byateguwe ku munsi ubanziriza Isabato bishyushywe. Kandi mureke ibyo kurya, nubwo byaba byoroheje, bibe biryoshye kandi binejeje. Mutegure ikintu gishimishije, kitajya kiribwa n'ab'umuryanda buri munsi. {6T 357.3}

Mureke abana bagire uruhare muri gahunda yo gusenga kw'umuryango. Mureke bose bazane Bibiliya zabo maze buri wese asome umurongo umwe cyangwa ibiri. Hanyuma muririmbe indiririmbo izwi na bose, ikurikirwe n'isengesho. Kuri iki Kristo yatanze ikitegererezo. Isengesho ry'Umwami ntabwo ryatangiwe kujya risubirwamo gusa mu buryo bw'umuhango, ahubwo ni urugero rw'uko amasengesho yacu akwiriye kuba ameze – akwiriye kuba yoroheje, avuye ku mutima, kandi yumvikana. Mu isengesho ryoroheje bwira Uwiteka ibyo ukeneye kandi umushyikirize amashimwe yawe. Muri ubwo buryo uba uraritse Yesu nk'umushyitsi muhire mu rugo rwawe no mu mutima wawe. Mu muryango amasengesho mareremare akora ku bintu byo hirya no hino nta mwanya ahafite. Atuma igihe cyo gusenga kiba umutwaro, mu gihe

cyari gikwiriye kubonwa nk'igihe cy'ihirwe n'umugisha. Jya utuma igihe cyo gusenga kiba icy'ibyishimo n'umunezero. {6T 357.4}

Ishuri ryo ku Isabato na gahunda yo kuramya bigize gusa umugabane umwe w'Isabato. Umwanya usigaye ushobora kubera ab'umuryango umwanya wera kandi w'agaciro kenshi kuruta andi masaha yose y'Isabato. Umugabane munini w'uyu mwanya ababyeyi bakwiriye kuwumara bari kumwe n'abana babo. Mu miryango myinshi abana bato barekerwa inshingano yo kwishakira ubwabo ibibanezeza uko babishoboye kose. Mu gihe baretswe batyo, mu gihe gito batangira kutagira icyo bitaho maze bagatangira kwikinira cyangwa kugira imyifatire itari myiza. Bityo kuri bo ubusobanuro bwo kwera kw'Isabato bukaba butagihari. {6T 358.1}

Mu gihe ikirere kimeze neza, reka ababyeyi batemberane n'abana babo mu mirima no mu mashyamba. Mu gihe muri hagati y'ibintu byiza byo mu byaremwe babwire impamvu Isabato yabayeho. Basobanurire umurimo ukomeye w'Imana wo kurema. Babwire ko ubwo isi yari ikiva mu biganza Byayo, yari itunganye kandi ari nziza. Buri rurabo, buri cyatsi, buri giti, byose byasohozaga umugambi wUmuremyi wabyo. Buri kintu cyose amaso yarebaga cyari gifite igikundiro kandi cyuzuzaga ubwenge ibitekerezo by'urukundo rw'Imana. Buri jwi ryose ryari indirimbo ihuje n'ijwi ry'Imana. Bereke ko icyaha ari cyo cyagwabije umurimo utunganye w'Imana; ko amahwa n'ibitovu, agahinda n'uburibwe n'urupfu, ko byose ari ingaruka zo kutumvira Imana. Babwire barebe ukuntu, nubwo isi yangijwe n'umuvumo w'icyaha, igihishura kugira neza kw'Imana. Imirima y'icyatsi, ibiti birebire, imirasire myiza y'izuba, ibicu, ikime, umutuzo utangaje w'ijoro, ubwiza bw'ijuru ritatse inyenyeri, n'ukwezi mu bwiza bwako, byose bihamya Umuremyi. Nta gitonyanga cy'imvura kigwa, nta murasire w'izuba uvira isi yacu y'indashima, bitari igihamya cyo kwihangana gukomeye kw'Imana n'urukundo rwayo. {6T 358.2}

Babwire iby'inama y'agakiza; uko "Imana yakunze abari mu isi cyane, byatumye itanga Umwana Wayo w'ikinege kugira ngo umwizera wese atarimbuka, ahubwo ahabwe ubugingo buhoraho." Yohana 3:16.

Basubiriremo inkuru nziza y'I Betelehemu. Garagariza abana Yesu, nk'umwana wumvira ababyeyi Be, nk'umusore w'umwiringirwa kandi ukunda gukora cyane, kugira ngo yunganire umuryango. Muri ubwo buryo ushobora kubigisha ko Umukiza azi ibibagerageza, ibibaremerera, hamwe n'ibibagerageza, ibyiringiro n'umunezero by'abasore, kandi ko Ashobora kubagaragariza urukundo no kubafasha. Babaze icyo bigiye mu ishuri ryo ku Isabato, maze mwigane icyigisho gikurikiyeho cy'ishuri ryo ku Isabato. {6T 358.3}

Uko izuba rigenda rirenga, reka ijwi ry'indirimbo n'amasengesho abe ari byo biranga isoza ry'amasaha yera maze murarike Imana ngo ibane namwe mu cyumweru cy'imirimo n'imiruho. {6T 359.1}

Muri ubwo buryo, nk'uko bikwiriye kumera, ababyeyi bashobora gutuma Isabato iba umunsi w'umunezero uruta iyindi yose y'icyumweru. Bashobora kuyobora abana babo kuyibona nk'umunezero, umunsi uruta iyindi, uwera w'Uwiteka, wo kubahwa. {6T 359.2}

Ndabagira inama, benedata na bashiki: "Mwibuke kweza umunsi w'Isabato." Niba mwifuza ko abana banyu bitondera Isabato nk'uko itegeko riri, mugomba kuribigisha mukoresheje amabwiriza n'ikitegererezo. Iyo ukuri guharatuwe ku mutima ntigushobora gusibangana uko kwakabaye. Gushobora gutwikirwa n'umwijima, ariko ntigushobora kuvanwaho. Ibyigisho byizwe umuntu akiri umwana bizagaragaza umusaruro mu myaka izakurikiraho. Hashobora kubaho ibituma abana batandukanwa n'ababyeyi babo bakanatandukana n'umuryango wabo, ariko mu gihe cyose bakiriho ibyigisho bigishijwe mu bwana no mu bugimbi bizababera umugisha. {6T 359.3}

## Gukora Ingendo Ku Isabato

Niba twifuza kubona umugisha wasezeraniwe abumvira, tugomba kwitondera Isabato mu buryo bushikamye cyane. Mfite ubwoba ko tujya dukora ingendo kuri uyu munsi mu gihe zashoboraga kwirindwa. Hakurikijwe umucyo Uwiteka yatanze werekeranye no kuruhuka Isabato, tugomba kwitondera cyane gukora ingendo zo mu bwato cyangwa mu

modoka kuri uyu munsi. Kuri izi ngingo tugomba gushyira icyitegererezo kizima imbere y'abana bacu n'urubyiruko. Kugira ngo tugere ku matorero akeneye ubufasha bwacu, no kubaha ubutumwa Imana yifuza ko bumva, bishobora kuba ngombwa ko dukora ingendo ku Isabato; ariko uko bishoboka kose tugomba kugura amatike no gutegura ibyangombwa byose ku wundi munsi. Mu gihe dufite urugendo tugomba gukora ibishoboka byose kugira ngo twirinde kuzagera aho tugiye ku Isabato. {6T 359.4}

Mu gihe bibaye ngombwa ko dukora urugendo ku Isabato tugomba kwirinda kugendana n'abantu bashobora gutuma ubwenge bwacu bwita ku bintu by'isi. Tugomba kurinda imitima yacu ikaguma ku Mana kandi igasabana na Yo. Mu gihe cyose tubonye amahirwe dukwiriye kubwira abandi ibyerekeye ukuri. Tugomba guhora twiteguye kunganira abababaye no gufasha abakeneye ubufasha. Mu bihe nk'ibyo Imana yifuza yuko ubumenyi n'ubwenge yaduhaye byakoreshwa. Ariko ntitugomba kuganira ku bintu by'isi cyangwa kuganira ibintu bibonetse byose. Ibihe byose n'ahantu hose Imana idusaba kugaragaza ko tuyumvira mu kubahiriza Isabato. {6T 360.1}

## Amateraniro Yo Ku Isabato

Kristo yaravuze ati: "Kuko aho babiri cyangwa batatu bateraniye mu izina ryanjye, nanjye mba ndi hagati yabo." Matayo 18:20. Ahantu hose hari abizera babiri cyangwa batatu, reka bateranire hamwe ku Isabato maze bishyuze Uwiteka isezerano rye. {6T 360.2}

Amatsinda mato y'abantu bateraniye kuramya Imana ku munsi Wayo wera bafite uburenganzira bwo kwishyuza umugisha ukomeye wa Yehova. Bakwiriye kwizera ko Umwami Yesu ari we mushyitsi w'icyubahiro mu materaniro yabo. Buri muntu wese uramya Imana by'ukuri akeza Isabato akwiriye kwishyuza iri sezerano: "Kugira ngo mumenye yuko ndi Uwiteka ubeza." Kuva 31:13. {6T 360.3}

Gahunda yo kubwiriza mu materaniro yacu yo ku Isabato muri rusange igomba kuba ngufi. Hakwiriye gutangwa amahirwe ku bantu bakunda Imana kugira ngo bayishime kandi bayihimbaze. {6T 361.1}

Niba itorero nta mupasiteri rifite, hakwiriye gutoranwa undi muntu wo kuyobora amateraniro. Ariko si ngombwa ko abwiriza cyangwa ngo atware umwanya munini wa gahunda yo kuramya. Rimwe na rimwe gusoma ibice bigufi bya Bibiliya kandi bishimishije ni byo bizagira umumaro cyane kuruta ikibwirizwa. Nyuma y'ibi hashobora gukurikiraho gahunda yo gusengera hamwe no gutanga ubuhamya. {6T 361.2}

Abari mu myanya y'ubuyobozi mu itorero ntibagomba kumarira imbaraga zabo z'ubwenge n'iz'umubiri mu mirimo yabo ya buri munsi ku buryo usanga ku Isabato badashobora kugaragaza imbaraga y'ubutumwabwiza bwa Kristo mu materaniro. Mujye mukora imirimo mike, mu kazi ka buri munsi, ariko ntimukibe Imana muyikorera umurimo idashobora kwemera ku munsi w'Isabato. Ntimugomba kuba nk'abantu badafite ubugingo bwa Mwuka. Abantu baba bakeneye ubufasha bwanyu ku Isabato. Nimubahe ibyo kurya bivuye mu ijambo. Nimuzanire Imana impano zanyu ziruta izindi ku munsi Wayo wera. Reka ubugingo bw'igiciro cyinshi bw'umutima bwegurirwe Imana muri gahunda yera yo kuramya. {6T 361.3}

Ntihakagire umuntu n'umwe uza gusinzirira muri gahunda yo kuramya. Ntibikwiriye ko abantu basinzirira mu nzu y'Imana. Ntabwo mujya musinzira iyo muri mu kazi kanyu gasanzwe, kubera agaciro mugaha. Mbese tuzemera ko gahunda zirebana n'ibyiza bizahoraho zihabwa agaciro kari munsi ya gahunda zisanzwe zo mu buzima? {6T 361.4}

Iyo tubigenje dutyo tubura umugisha Imana yari yagennye kuduha. Isabato ntigomba kuba umunsi wo gukora ubusa. Haba mu rugo ndetse no mu itorero hagomba kurangwa n'umwuka wo gukora umurimo w'Imana. Uwaduhaye iminsi itandatu yo gukoramo imirimo yacu yejeje umunsi wa karindwi awuha umugisha maze arawiyegurira Ubwe. Kuri

uyu munsi Azaha umugisha mu buryo bwihariye abantu bose biyegurira kumukorera. {6T 361.5}

Ijuru ryose ryubahiriza Isabato, ariko atari mu buryo bwo kuba inkorabusa. Kuri uyu munsi buri mbaraga zose z'umutima zigomba gukanguka; none se ntituba tugiye guhura n'Imana hamwe na Kristo Umukiza wacu? Dushobora kumwitegereza mu kwizera. Aba yifuza kuzahura buri mutima wose no kuwuha umugisha. {6T 362.1}

Buri wese agomba kumva ko afite uruhare mu gutuma amateraniro yo ku Isabato aba amateraniro ashimishije. Ntimugomba guterana by'umuhango gusa, ahubwo mujye muteranira kuganira, kungurana ibitekerezo ku isano y'imibereho ya buri munsi, gushima Imana, kugaragaza uburyo mwifuza cyane umucyo mvajuru, kugira ngo mumenye Imana, n'Uwo yatumye ari we Yesu Kristo. Kuganirira hamwe ibya Kristo bizaha umutima imbaraga zo guhangana n'intambara n'ibigeragezo byo mu buzima. Ntimuzigere mwibwira ko mushobora kuba abakristo kandi muri banyamwigendaho. Buri wese ni umugabane w'umurunga ukomeye w'ikiremwamuntu, kandi uko imibereho ya buri muntu imeze bifitanye isano nini n'uko imibereho ya bagenzi be imeze. {6T 362.2}

Ntabwo tubona na kimwe cy'ijana cy'umugisha twari dukwiriye kubonera mu materaniro yo kuramya Imana. Ubushobozi bwacu bwo gusobanukirwa bukeneye gutyazwa. Dukwiriye kunezezwa n'ubushuti hagati y'umuntu n'undi. Mu gihe dufite ibyo byiringiro, kuki imitima yacu itakurira mu rukundo rw'Iman? {6T 362.3}

Tugomba kujyana muri buri materaniro yose yo gusenga ibyiringiro bishikamye by'uko Imana n'abamalayika bayo bahari, kugira ngo bafatanye n'abaramya Imana by'ukuri. Mu gihe winjiye aho basengera, saba Uwiteka kuvana ibibi byose mu mutima wawe. Ujye ujyana mu nzu y'Imana ibintu Imana ishobora guha umugisha gusa. Pfukama imbere y'Imana mu rusengero Rwayo, maze uyegurire [ubugingo bwawe kuko ari] Ubwayo, ubwo Yaguze amaraso ya Kristo. Sengera umubwiriza cyangwa umuyobozi w'amateraniro. Senga usabe Imana kubaha

umugisha iwunyujije mu muntu uri buze kubwiriza ijambo ry'ubugingo. Ushishikarire cyane kwironkera umugisha wowe ubwawe. {6T 362.4}

Imana izaha umugisha abantu bose bitegura batyo kuza kuyiramya. Bazasobanukirwa n'icyo kugira ubwishingizi bwa Mwuka bivuze kuko bakiriye Kristo ku bwo kwizera. {6T 363.1}

Ahantu ho gusengera Imana hashobora kuba horoheje, ariko ntabwo Imana ihaha agaciro gake. Ku basenga Imana mu mwuka no mu kuri no mu bwiza bwo kwera hazababera nk'irembo ry'ijuru. Itsinda ry'abizera rishobora kuba ari rito mu mubare, ariko mu maso y'Imana ni ab'agaciro kenshi. Hakoreshejwe umutarimba w'ukuri bacukuwe nk'amabuye adatunganye mu kirombe cy'isi maze bajyanwa mu nganzo y'Imana kugira ngo batunganywe. Intorezo, inyundo, n'urukero, ari byo bigeragezo, biri mu biganza by'Umwe ufite ubuhanga butagerwa; abikoresha atagamije kurimbura, ahubwo agamije gutunganya buri mutima wose. Nk'amabuye y'igiciro, yatunganijwe hakurikijwe ikitegererezo cy'ingoro y'Umwami, Imana yaduteganirije umwanya mu rusengero rwo mu ijuru. {6T 363.2}

Ubwishingizi twahawe bwo guhura n'Imana ntibugira umupaka. Intebe y'ubuntu ubwayo ni yo itureshya kuruta ibindi bintu byose kuko yicaweho n'Umwe utwemerera kumwita Data. Ariko Imana ntibona ko ihame ry'agakiza ryuzuye mu gihe rigaragaramo gusa urukundo Rwayo. Muri uko guhura n'Imana, [Uwiteka] yashyize ku gicaniro umuvugizi wambaye akamero k'umuntu. Nk'Umuhuza wacu n'Imana, Umurimo we ni ukutugeza ku Mana nk'abahungu n'abakobwa Be. Kristo avuganira abamwakiriye. Abaha imbaraga, binyuze mu gukiranuka Kwe, zo kubahindura abagize umuryango wa cyami, abana b'Umwami w'ijuru. Maze Data akerekana urukundo rutagira akagero afitiye Kristo, we watanze amaraso Ye kuba inshungu yacu, atwakira nk'inshuti za Kristo ndetse nk'inshuti Ze. Yanyuzwe n'impongano yatanzwe. Aheshwa icyubahiro no kwigira umuntu, imibereho, urupfu, n'umurimo w'ubuhuza by'Umwana We. {6T 363.3}

Umwana w'Imana wese akimara kwegera intebe y'ubuntu, ahita ahinduka uwo kuvuganirwa n'Umuvigizi ukomeye. Akibumbura akanwa yihana kandi asaba imbabazi z'ibyaha bye, Kristo yunganira ikibazo cye akakigira icye bwite, akakigeza imbere ya Data nko gusaba Kwe ubwe. {6T 364.1}

Ku bwo kuvuganirwa na Kristo, Data adufungurira ubutunzi bw'ubuntu Bwe kugira ngo bube ubwacu, ngo tubwishimire kandi tubugeze no ku bandi. "Musabe mu izina Ryanjye," ni ko Kristo avuga; "Simbabwira ko nzabasabira kuri Data; kuko Data na we abakunda Ubwe, kuko mwankunze. Nimwishingikirize ku izina Ryanjye. Ibi bizatuma amasengesho yanyu agira agaciro, kandi Data azabaha ubutunzi bw'ubuntu Bwe; 'musabe muzahabwa, ngo umunezero wanyu ube wuzuye.'" Yohana 16:24. {6T 364.2}

Imana yifuza ko abana Bayo bayumvira bakwishingikiriza ku masezerano Yayo ndetse bakayishyuza, kandi bakaza imbere Yayo bahimbaza kandi bashima. Imana ni isoko y'ubugingo n'imbaraga. Ishobora guhindura ubutayu umurima urumbuka ku bwoko bukomeza amategeko Yayo, kuko ibyo ari byo byubahisha izina Ryayo. Ibyo yakoreye ubwoko bwayo bikwiriye gutera buri mutima wose kuyishima, bityo Imana ibabazwa no kubona uburyo amashimwe atangwa ari make. Imana yifuza kwakira amashimwe akomeye ava mu bwoko Bwayo, buyigaragariza ko busobanukiwe n'impamvu z'ibyishimo n'umunezero wabwo. {6T 364.3}

Uburyo Imana yakoranye n'ubwoko Bwayo bikwiriye kujya bisubirwamo kenshi. Mbega ukuntu Uwiteka yagiye yigaragariza kenshi Isirayeli ya kera! Kugira ngo batibagirwa amateka y'ahahise, [Imana] yategetse Mose kuyahimbamo indirimbo, kugira ngo ababyeyi bayigishe abana babo. Bagombaga gukusanya ibihamya bibibutsa ayo mateka bakabishyira ahagaragara. Byasabye kwibabaza mu buryo bwihariye kugira ngo birindwe, kugira ngo abana babo nibabaza amakuru y'ibyo bintu, babashe kubibasubiriramo uko byakabaye. Muri ubwo buryo Imbabazi z'Imana, ineza n'ubuntu Bwayo mu kwita ku bwoko Bwayo no

kubucungura ntibyigeraga byibagirana. Murasabwa kwibuka "iminsi ya kera, uburyo mwihanganiraga imibabaro y'intambara nyinshi mumaze kuvirwa n'umucyo." Abaheburayo 10:32. Ku bwoko bw'Imana muri iki gihe Uwiteka yakoranye na bo nk'Imana ikora ibikomeye. Amateka yahise y'umurimo w'Imana akeneye guhora ashyirwa imbere y'abantu, abato n'abakuze. Dukeneye guhora dusubiramo ineza y'Imana kandi tukayihimbaza ku bw'imirimo Yayo ikomeye. {6T 364.4}

Mu gihe dusabwa kutirengagiza guteranira hamwe, ayo materaniro ntagomba kuba ayo kutwungura twenyine gusa. Tugomba kugira umwete mwinshi wo kugeza ku bandi ihumure natwe twakiriye. Ni inshingano yacu kugirira ifuhe ryinshi icyubahiro cy'Imana kandi tukirinda kujyana amakuru mabi, kabone nubwo twaba tubikoresheje kugaragaza mu maso hijimye cyangwa amagambo atari meza, nk'aho ibyo Imana idusaba ari ukubangamira umudendezo wacu. Ndetse no muri iyi si irimo umubabaro, gucogora, n'icyaha Uwiteka yifuza kutubona tunezerewe , dukomereye mu mbaraga Ze. Impagaricye y'umuntu yose yahawe amahirwe yo guhamya Imana mu buryo budasubirwaho muri buri kintu cyose. Mu bituranga, mu buryo twifata, mu magambo, mu mico, tugomba guhamya ko gukorera Imana ari byiza. Muri ubwo buryo tuba duhamije ko "amategeko y'Uwiteka atungana rwose, asubiza integer mu bugingo." Zaburi 19:7. {6T 365.1}

Ubwiza bw'iyobokamana ryacu buzagaragazwa n'abantu bose biyegurira Imana buri munsi. Ntitugomba gusuzuguza Imana mu kugaragaza inyifato yo kutihangana mu bigeragezo bigaragara nk'ibishaririye. Ibigeragezo byose bitugeraho byo kutwigisha bizatuzanira umunezero. Imibereho y'iby'iyobokamana yose uko yakabaye izatera imbere, izakura, izagira ubwiza, izagira impumuro y'amagambo meza n'ibikorwa byiza. Umwanzi anezezwa no kubona imitima ibabaye, ibuze ibyiringiro, yuzuye agahinda no kwiganyira; ashaka kubona ibintu by'ibyo bicogoza kwizera kwacu. Ariko Imana ishaka ko umutima utagomba guhenebera. Yifuza ko buri mutima wose wanesha binyuze mu burinzi bw'imbaraga y'Umucunguzi. Umunyezaburi aravuga ati: "Mwaturire Uwiteka mwa bana b'Imana mwe, mwaturire Uwiteka ko afite icyubahiro

n'imbaraga. Mwaturire Uwiteka ko izina Rye rifite icyubahiro, musenge Uwiteka mwambaye ibyera." "Uwiteka ndaguhimbariza kuko wampagurukije, ntukunde ko abanzi banjye banyishima hejuru. Uwiteka Mana yanjye naragutakiye urankiza…. Muririmbire Uwiteka ishimwe mwa bakunzi be mwe, mushime izina Rye ryera." Zaburi 29:1, 2; 30:1-4. {6T 365.2}

Itorero ry'Imana ryo ku isi ryunze ubumwe n'itorero ry'Imana ryo mu ijuru. Abizera bari ku isi n'ibiremwa biri mu ijuru bitigeze bicumura bagize itorero rimwe. Buri wese mu baba mu ijuru yita cyane ku materaniro y'abera bahuzwa no kuramya Imana hano ku isi. Mu bikari byo mu ijuru bategа amatwi ubuhamya butangwa n'abahamya Kristo hano ku isi, kandi ishimwe no guhimbaza bituruka ku baramya Imana hano ku isi birajyanwa bigahuzwa n'indirimbo y'ijuru, maze hakumvikana ijwi ryo guhimbaza n'ibyishimo mu bikari byo mu ijuru bishimira ko urupfu rwa Kristo rutabereye imfabusa bene Adamu baguye. Mu gihe abamalayika banywera ku isoko ihatse andi masoko, abera bari ku isi na bo banywera ku migezi itunganye ituruka ku ntebe ya cyami, imigezi ituma umurwa w'Imana wuzura umunezero. Iyaba twese twabashaga kumenya uburyo ijuru riri hafi y'isi cyane! Mu gihe abana bavukiye ku isi bataragira icyo bamenya, baba bafite abamalayika babagenda iruhande. Umuhamya utagaragarira amaso arinda umutima wa buri muntu wese uriho, ashaka kuwurehereza kuri Kristo. Igihe cyose hakiriho ibyiringiro, kugeza ubwo abantu binangiye bakananira Mwuka Wera bakijyana mu irimbukiro ry'iteka, baba bakirinzwe n'ingabo zo mu ijuru. Reka twese tujye tuzirikana ko muri buri teraniro ryose ry'abera hano ku isi, haba hari abamalayika b'Imana, bateze amatwi ngo bumve ubuhamya, indirimbo, n'amasengesho. Reka tujye twibuka ko guhimbaza Imana kwacu byunganirwa kandi bikuzuzwa n'amakorali y'abamalayika bo mu ijuru. {6T 366.1}

Bityo rero, ubwo muzajya muterana uhereye ku Isabato ukageza ku yindi Sabato, mujye muririmbira ishimwe Iyabahamagaye ikabakura mu mwijima ikabageza mu mucyo wayo w'itangaza. Mureke kuramya k'umutima guhabwe "udukunda kandi watwejeshejeho ibyaha byacu

amaraso ye." Reka urukundo rwa Kristo abe ari rwo ruba igitsika umubwiriza mu magambo avuga. Reka rugaragazwe mu mvugo yoroheje muri buri ndirimbo yo guhimbaza. Reka Mwuka w'Imana abe ari we uyobora amasengesho yanyu. Mu gihe ijambo ry'ubugingo rivugwa, reka igisubizo cy'umutima gihamye ko wakiriye ubwo butumwa nk'ubuvuye mu ijuru. Ndabizi ko iyi nyifato ari iyo mu bihe bya kera cyane; ariko izaba ari igitambo cy'ishimwe gitambiwe Imana ku bw'umutsima w'ubugingo wahawe umutima ushonje. Iki gisubizo ku irarika rya Mwuka Wera kizaba imbaraga ku bugingo bwawe kinatere umwete abandi. Bizaba ari igihamya kigaragaza ko ku nzu y'Imana hubatsweho amabuye mazima atanga umucyo. {6T 367.1}

Mu gihe dusuzuma ibyiza byo mu mibereho yacu, bigaragaza imbabazi zikomeye n'urukundo rudatsindwa rw'Imana, tuzahimbaza Imana cyane mu cyimbo cyo kwitotomba. Tuzajya tuvuga iby'urukundo rw'Imana nk'umwungeri w'ukuri, w'umugwaneza, w'umunyambabazi, uragira umukumbi We, uwo yavuze ko ntawe uzawuvana mu biganza Bye. Imvugo y'umutima ntizaba iyo kwitotomba. Amashimwe, azajya ava ku bizera Imana by'ukuri ameze nk'imigezi y'urubogobogo. "Kugirirwa neza n'imbabazi, bizanyomaho iminsi yose nkiriho, nanjye nzaba mu nzu y'Uwiteka iteka ryose." "Uzanyoboza ubwenge bwawe, Kandi hanyuma uzanyakirane icyubahiro. Ni nde mfite mu ijuru utari wowe? Kandi mu isi nta we nishimira utari wowe." Zaburi 23:6; 73:24, 25. {6T 367.2}

Kuki tudashyira hejuru ijwi ry'indirimbo zacu muri uru rugendo turimo? Kuki tudasubira ku kwiyoroshya kwacu n'imibereho ihumurira abandi? Impamvu idutera kutagira ibyishimo byinshi ni uko twaretse urukundo rwacu rwa mbere. Nuko rero, reka tugire umwete twihane, kugira ngo itabaza ridakurwa ku gitereko cyaryo. {6T 368.1}

Urusengero rw'Imana mu ijuru rurakinguye, kandi umuryango warwo urabagirana ubwiza bugenewe buri torero ryose rikunda Imana kandi rikitondera amategeko Yayo. Dukeneye kwiga, gutekereza, no gusenga. Bityo tuzaba dufite umuti w'umwuka wo gusiga ku maso kugira ngo dushobore kwitegereza mu rusengero rwo mu ijuru. Tuzabasha

gusobanukirwa n'ingingo zigize indirimbo n'amashimwe bya korali yo mu ijuru izengurutse intebe y'Imana. Ubwo Siyoni izabyuka ikarabagirana, umucyo wayo uzaba ufite imbaraga nyinshi, kandi indirimbo nziza zo guhimbaza n'iz'amashimwe zizumvikana mu materaniro y'abera. Kwivovota no kutumvikana ku tubazo duto n'ingorane zose bizarangira. Ubwo tuzaba twakiriye umuti w'igiciro wo gusiga ku maso tuzabasha kwitegereza ubwiza bwo mu ijuru. Kwizera kuzahinguranya igicu cy'umwijima cya Satani, maze twitegereze Umuvugizi wacu aho ari kudutambirira umubavu wo gukiranuka Kwe. Ibi nitubibona nk'uko biri, nk'uko Uwiteka yifuza ko tubibona, tuzuzurwa no kumenya urukundo rw'Imana rutagira uko rungana. {6T 368.2}

Imana itwigisha ko tugomba guteranira mu nzu Yayo kugira ngo dukuze imico y'urukundo rutunganye. Ibi bizategurira abatuye isi kuzaba mu mazu Kristo yagiye gutegurira abamukunda bose. Aho, bazajya bateranira mu rusengero rw'Imana uhereye ku Isabato ukageza ku yindi Sabato, uhereye mu mboneko z'ukwezi ukageza ku yindi mboneko yako, bahurize hamwe kuririmba indirimbo z'agahozo, bahimbaza kandi bashima Iyicaye ku ntebe, n'Umwana w'intama iteka ryose. {6T 368.3}

**************************

## Ellen G. White, Inama Zigirwa Itorero, p.266-269

[Ingingo zikurikiyeho zakuwe mu gitabo cy'Inama Zigirwa Itorero mu cyigisho cya 47 mu gitabo cy'icyongereza; icyo cyigisho cyitwa "Kweza Isabato Yera y'Imana." Igitabo cy'umwimerere cy'Inama Zigirwa Itorero gifite ibyigisho 66; igitabo cy'ikinyarwanda kigarukira ku cyigisho cya 42]

## Ishuri Ryo Ku Isabato

Umugambi nyamukuru w'ishuri ryo ku Isabato ukwiriye kuba uwo guhuriza imitima kuri Kristo. Gahunda ngenderwaho ishobora kuba ari ntamakemwa, itanga ibikenewe byose byifuzwa; ariko iyo abana n'urubyiruko batagejejwe kuri Kristo, ishuri ryo ku Isabato riba ryatsinzwe; kubera ko iyo imitima itareherejwe kuri Kristo, irushaho kwinangira bitewe n'imbaraga ishyirwaho n'iyobokamana ry'umuhango. Umwigisha akwiriye gukorana n'Imana, mu gihe akomanga ku rugi rw'umutima rw'abakeneye ubufasha. Abigishwa nibaramuka bemeye irarika rya Mwuka, maze bagakingura urugi rw'umutima, kugira ngo Yesu yinjire, Azafungura ubwenge bwabo, kugira ngo babashe gusobanukirwa iby'Imana. Umurimo w'umwigisha ni umurimo woroheje, ariko nukorwa mu Mwuka wa Yesu, uzongerwa imbaraga n'umurimo wa Mwuka w'Imana. {CCh 266.1}

Babyeyi, mujye musiga umwanya muto buri munsi wo kwigana n'abana banyu ibyigisho by'ishuri ryo ku Isabato. Nibiba ngombwa mujye muhagarika gahunda zo gusura inshuti, aho guhomba umwanya wagenewe ibyigisho byiza by'amateka yera. Ababyeyi, kimwe n'abana, bazabonera inyungu muri uku kwiga. Reka amasomo y'ingenzi yo mu Byanditswe afitanye isano n'icyigisho afatwe mu mutwe, atari mu buryo bw'inshingano gusa, ahubwo ari nk'amahirwe n'umugisha. Nubwo ku ikubitiro ubwenge butayafata neza, buzagenda bugira imbaraga ku bwo kubyimenyereza, ku buryo nyuma y'igihe uzishimira kwibikira ubutunzi butagira akagero bw'ijambo ry'ukuri. Kandi akamenyero k'ibyo kazaba ari ubufasha bukomeye ku mikurire y'iby'iyobokamana…. {CCh 266.2}

Mujye mwitondera gahunda yo kwiga Ibyanditswe Byera mu miryango yanyu. Mujye mwirengagiza ikintu cyose cya kamere y'iyi si; muhagarike ibintu bitihutirwa nko kudoda no gutegura ameza, ariko murebe neza ko umutima ugaburirwa umutsima w'ubugingo. Ntidushobora kugereranya ngo tumenye ibyiza by'isaha imwe cyangwa igice cy'isaha ya buri munsi byahariwe Ijambo ry'Imana abantu bishimye kandi basabana. Mujye mureka Bibiliya abe ari yo yisobanura, muhuriza

hamwe ibivuzwe byose byerekeje ku cyigisho gitanzwe mu bihe bitari bimwe no mu buryo butari bumwe. Ntimugahagarike igihe cyanyu cyo kwiga niba hari abantu baje kubasuhuza cyangwa abashyitsi. Nibinjira mwatangiye kwiga, mubararikire gufatanya namwe muri iyo gahunda yo kwiga. Mujye mureka abantu babone yuko mushyize imbere kunguka ubwenge bwo mu ijambo ry'Imana kuruta kubona indamu cyangwa umunezero w'isi. Mbababajwe cyane no kuvuga ko mu ishuri ryo ku Isabato, ahantu hamwe na hamwe bafite umuco wo gusoma icyigisho ku mpapuro cyiba cyarateguriweho. Ibi ntibigomba kumera gutyo. Ntibyari bikwiriye kumera gutyo, iyaba igihe gikoreshwa nabi ndetse mu buryo buba ari n'icyaha, cyakoreshwaga mu kwiga Ibyanditswe Byera. Nta mpamvu n'imwe ikwiriye gutuma ibyigisho by'ishuri ryo ku Isabato byigwa nabi n'abigisha cyangwa n'abigishwa mu buryo buri munsi y'uko byigwa mu minsi y'imirimo. Bagomba kubyiga neza, nk'uko biga ibyigisho bifite agaciro katagerwa. Kwirengagiza ibi bintu ni ukubabaza Imana. {CCh 266.3}

Abigisha mu ishuri ryo ku Isabato bagomba kugira imitima yigaruriwe n'imbaraga y'ukuri kw'Imana, ntibagomba kuba abumva gusa, ahubwo bagomba kuba abakora iby'iryo Jambo. Bagomba gutungwa n'ibyo kurya byo muri Kristo nk'uko amashami akura ibyo kurya mu muzabibu. Ikime cy'ubuntu mvajuru kigomba kubamanukira, kugira ngo imitima yabo ibe nk'ibiti byiza, bifite uburabyo bukwiza impumuro nziza ahantu hose, nk'uburabyo bwo mu murima w'Imana. Abigisha bagomba kuba abanyeshuri b'abanyamwete b'ijambo ry'Imana, bagaragaza iteka igihamya cy'uko bahora bigira ibyigisho mu ishuri rya Kristo, kandi bakaba bashoboye kugeza ku bandi umucyo bakiriye bawuvanye ku Mwigisha Mukuru, ari We Mucyo w'isi. Mu gushyiraho abayobozi mu bihe bitandukanye, ujye umenya neza ko ibyo ukunda ubwawe atari byo bigomba kuyobora, ahubwo jya ushyira mu myanya y'ingenzi abantu uzi

neza ko bakunda kandi bakubaha Imana, babandi bazagira Imana umujyanama wabo.[1] {CCh 267.1}

## Kohereza Abana Ku Ishuri Ku Munsi w'Isabato

Umuntu wese wumvira itegeko rya kane azabona ko hari umurongo umutandukanya n'isi. Isabato ni igipimo, cyitari ibyo dusabwa n'abantu, ahubwo ni igipimo cy'Imana. Ni yo izashyira itandukaniro hagati y'abakorera Imana n'abatayikorera; kandi kuri iyi ngingo ni ho hazaturuka intambara iheruka mu rugamba ruri hagati y'ukuri n'ikinyoma. {CCh 268.2}

Bamwe mu bizera bacu bohereje abana babo ku ishuri ku munsi w'Isabato. Si uko bari babihatiwe, ahubwo ni uko abayobozi b'ibigo by'amashuri bavuze ko batazigera bakira abana keretse bemeye kwiga iminsi itandatu mu cyumweru. Muri ayo mashuri amwe n'amwe, abanyeshuri ntabwo bigishwa amsomo asanzwe gusa, ahubwo banigishwa gukora imirimo itandukanye; kandi aho ni ho abana b'abavuga ko bakomeza amategeko boherejwe kwiga ku munsi w'Isabato. Ababyeyi bamwe bagerageje gushyigikira ibyo bakoze bakoresheje amagambo ya Yesu, avuga ko gukora neza ku munsi w'Isabato byemewe n'amategeko. Ariko iyo mpamvu ishobora no kwishingikirizwaho n'abantu bakora ku munsi w'Isabato kugira ngo babone ibyo gutunga abana babo; kandi aho nta rubibi ruhari, nta mupaka, ugaragaza ibyo umuntu agomba gukora n'ibyo atagomba gukora. {CCh 268.3}

Bene data ntibashobora kwiringira kwemerwa n'Imana mu gihe bashyira abana babo aho badashobora kumvira itegeko rya kane. Bakwiriye kugerageza kumvikana n'abayobozi b'aho abana babo bashobora kwemererwa kutiga ku munsi wa karindwi. Niba ibyo byanze, inshingano y'ababyeyi iragaragara neza, ni ukubaha ibyo Imana isaba ku giciro icyo ari cyo cyose. {CCh 268.4}

---

[1] Aya magambo yashyizwe mu gitabo cy'Inama Zigirwa Itorero akuwe mu gitabo cya Ellen G. White cyitwa "Inama Ku Murimo w'Ishuri Ryo Ku Isabato" (Counsels on Sabbath School Work), p. 61, 41-43, 117, 118, 94, 165.

Bamwe bazireguza ko Uwiteka atigeze asobanura neza ibyo asaba; ko atari inshingano yabo gukomeza Isabato cyane ku kiguzi cyiremereye gutyo, cyangwa kwishyira aho bazagongana n'amategeko y'igihugu. Ariko aha ni ho igipimo kizaturuka, niba tuzubaha amategeko y'Imana kuruta kubaha amategeko y'abantu. Ibi ni byo bizashyira itandukaniro hagati y'abubaha Imana n'abatayubaha. Aha ni ho tugomba kugaragariza kugandukira Imana kwacu. Amateka y'ukuntu Imana yabanye n'ubwoko bwayo mu bihe byose agaragaza ko Imana isaba kumvira kuzuye. {CCh 268.5}

Niba ababyeyi bemerera abana babo kwakira inyigisho z'isi, maze bagafata Isabato nk'iyindi minsi, ntibashobora kuzashyirwaho ikimenyetso cy'Imana. Bazarimburanwa n'isi; mbese amaraso yabo ntazabazwa ababyeyi babo? Ariko niba tuba indahemuka mu kwigisha abana bacu amategeko y'Imana, tujye dukoresha ubutware bw'ababyeyi ku bana, maze mu kwizera no gusenga tubegurire Imana, na Yo izakorana n'imihati yacu; kuko yabisezeranye. Maze ubwo icyorezo kirimbura kizanyura mu gihugu, tuzabasha kwihishanya na bo mu bwihisho bw'Uwiteka.[2] {CCh 269.1}

*****************

[2] Aya magambo yashyizwe mu gitabo cy'Inama Zigirwa Itorero akuwe mu gitabo cya Ellen G. White cyitwa "Amateka y'Ibyabaye Mu Ivugabutumwa Ryo Hanze y'Amerika Ry'Abadivantisite b'Umunsi wa Karindwi." (Historical Sketches of the Foreign Missions of the Seventh-day Adventists), p. 215-217

Byashyizwe mu kinyarwanda na
NIYONZIMA Paulin
Itorero ry'Abadivantiste b'Umunsi wa Karindwi rya Muhima
Yunyoni y'u Rwanda
E-mail: paulinniyonzima@gmail.com
Tel: (+250)788798826/(+250)730513878/(+250728198808)